Sanlam

Assurances Vie

Mukiriya wacu nawe Mufatanyabikorwa,

SANLAM VIE Plc izirikana ko indwara ya COVID – 19 yashyizwe mu rwego rw'ibyorezo bihangayikishije isi n'umuryango mpuzamahanga wita ku buzima (WHO) yatumye abantu benshi bahangayikishwa n'ingaruka zinyuranye mu rwego rw'ubukungu. Muri iki gihe, igihangayikishije abafatabuguzi b'ubwishingizi ndetse n'abahuza mu bwishingizi ni ibijyanye n'uburyo ibigo by'ubwishingizi byishyura mu gihe habaye urupfu, ubumuga, indwara zikomeye cyangwa ibindi byago bifitanye isano na COVID – 19.

Sanlam Vie yiyemeje gusuzuma ibyo byago byose birimo urupfu, ubumuga, uburwayi ndetse no gutakaza akazi hitawe cyane cyane ku mukiriya wayo kandi mu buryo buciye mu mucyo, hashingiwe ku masezerano y'ubwishingizi yagiranye n'abafatabuguzi bayo ndetse n'inshingano ziyakubiyemo.

Amasezerano yacu muri rusange ntabwo ateganya ko ibyago biturutse ku ndwara z'ibyorezo bitishyurwa; bityo rero natwe twemera neza **ko ibyago byabaho bifitanye isano na COVID – 19 byakwishyurwa hashingiwe ku masezerano y'ubwishingizi twagiranye n'abafatabuguzi bacu.**

Sanlam Vie yiyemeje guha abakiriya bayo umutuzo n'umutekano mu bihe by'amage, ndetse no mu gihe hari ibyago cyangwa ibyorezo bishobora guteza ingaruka nyinshi ku muntu ku giti cye, ku muryango ndetse no ku gihugu muri rusange. Turabamenyesha ko ubwishingizi bwanyu bukomeje kandi umutungo wanyu ugumye gucungwa neza.

Tubashimiye ubufatanye mudahwema kutugaragariza. Mu gihe mwaba mwifuza kugira icyo mutubaza, turabashishikariza gukoresha email yacu: infovie@rw.sanlam.com cyangwa umurongo wacu wa telefoni: +250 727 555 333. Tugumye kubahiriza amabwiriza yose duhabwa mu guhangana n'iki cyorezo.
Murakoze

HODARI Jean Chrysostome
Umuyobozi Mukuru

Sanlam Vie Plc

Scanned with CamScanner